# Amakuru yerekeye ubwimukira na viza zihabwa abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'irindi hohoterwa ryose umuntu akorera undi

Abanyeshuri b'abanyamahanga bafite ibibazo bijyanye n'icyiciro cy'ubwimukira barimo na viza bafite baragirwa inama yo gusaba ubufasha umwunganizi w'abimukira. Iyi nyandiko ikubiyemo amakuru asobanura zimwe mu ngingo z'amategeko ariko ntabwo ikuraho ko washaka umujyanama mu by'amategeko.

**Narahohotewe, ese icyiciro cy'ubwimukira ndimo cyaba kigira ingaruka ku buryo nshobora kubona serivisi zitangirwa muri kaminuza?**

Oya. Mu itegeko, abanyeshuri n'abakozi bakorewe cyangwa barokotse ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'irindi hohoterwa ryose nabo baba bafite ubwo burenganzira nk'uko buvugwa mu Mutwe wa IX w'Itegeko rigenga uburezi ryo mu 1972 (Umutwe wa IX) ndetse n'Itegeko rirwanya ihohoterwa rikorerwa abagore (VAWA), hatitawe ku cyiciro cy'ubwimukira barimo na viza bafite.

Amakuru ajyanye na serivisi z'ubuvuzi n'ubujyanama zitangirwa muri kaminuza ndetse n'ibindi wakenera byose, wayasanga kuri: https://1is2many.okstate.edu/

Amakuru ajyanye n'Inama ishinzwe imyitwarire y'abanyeshuri wayasanga kuri: https://studentconduct.okstate.edu/code

Kaminuza ntizigera igira icyo igutwara cyangwa ngo igufate mu buryo butandukanye n'ubw'abandi kubera ko watanze amakuru ajyanye n'icyaha cyakozwe.

**Ese nshobora gutanga ibirego mu rukiko mpanabyaha igihe ndi umwimukira wemewe n'amategeko cyangwa utemewe n'amategeko?**

Yego. Amakuru ajyanye n'ibisobanuro by'ibyaha byo gufata ku ngufu, ihohoterwa ryo mu ngo, ihohoterwa umuntu akorewe n'uwo bakundana no kubuza amahwemo muri Leta utuyemo wabisanga muri Raporo ngarukamwaka y'umutekano: https://police.okstate.edu/annual-security-reports

Ibibazo byihariye bijyanye no gutanga ibirego bishobora gushyikirizwa:

Oklahoma State University Police Department, OSUPD
104 USDA Building, Stillwater, Oklahoma 74078
405-564-6523
https://police.okstate.edu/
1is2many@okstate.edu

**Ese haba hari ubwoko bwa visa n'icyiciro cy'ubwimukira bihabwa abantu bakorewe ibyaha?**

Yego. Abantu bafashwe ku ngufu, bakorewe ihohoterwa ryo mu ngo, ihohoterwa umuntu akorerwa n'uwo bakundana no kubuzwa amahwemo bahabwa ubundi bwoko bwa viza burimo Viza ya U na Viza ya T. Ku bijyanye n'ibindi bisobanuro, wabaza umwunganizi w'abimukira.

| Viza ya U | Viza ya T |
|---|---|
| Ku bantu bakomerekejwe bigaragara cyane ku mubiri cyangwa mu mutwe bitewe na bimwe mu byaha, birimo ihohoterwa rishingiye ku gitsinda, ihohoterwa ryo mu ngo, ifatwa ku ngufu, kugirirwa nabi cyangwa ibindi byaha nk'ibyo<br>-Uwabikorewe cyangwa usaba viza agomba kuba yarakorewe icyaha gitangirwa iyo viza kandi ashobora gutanga umusanzu mu iperereza cyangwa mu gukurikirana abakora icyo cyaha.<br>-Ubusanzwe iba ifite agaciro k'imyaka ine<br>-Ku bijyanye n'andi makuru, wavugana n'umwunganizi w'abimukira kandi ugasoma amakuru ku rubuga:<br><br>http://www.uscis.gov/humanitarian/victims-human-trafficking-other-crimes/victims-criminal-activity-u-nonimmigrant-status/victims-criminal-activity-u-nonimmigrant-status | Ku bakorewe ubucuruzi bw'abantu<br>-Bagomba kwemera ibyo basabwa n'abayobozi bashinzwe umutekano kandi bitagoranye, hagamijwe kubafasha gukora iperereza cyangwa gukurikirana ibikorwa by'ubucuruzi bw'abantu (keretse igihe abo bakorewe ubwo bucuruzi badashobora gufatanya n'abayobozi kubera ibikomere byo ku mubiri cyangwa mu mutwe) kandi hagomba kugaragazwa ko uwakorewe ubucuruzi cyangwa usaba viza ashobora kumererwa nabi cyane igihe yaba avanywe muri Leta zunze ubumwe z'Amerika<br>-Ubusanzwe iba ifite agaciro k'imyaka ine<br>-Ku bijyanye n'andi makuru, wavugana n'umwunganizi w'abimukira kandi ugasoma amakuru ku rubuga:<br><br>http://www.uscis.gov/humanitarian/victims-human-trafficking-other-crimes/victims-human-trafficking-t-nonimmigrant-status |

**Ese haba hari ibiro biri muri kaminuza bishobora kumpa andi makuru?**

, International Students & Scholars
250 Student Union, Stillwater, OK 74078
405-744-5459
https://lcl.okstate.edu/iss/
su-iss@okstate.edu

The State University of New York

Ibiro bya Serivisi zihabwa abanyeshuri b'abanyamahanga bishobora gutanga amakuru yerekeye icyiciro cy'ubwimukira. Zirikana kandi ko ku byerekeye ibibazo bijyanye no guhinduza ushaka ubundi bwoko bwa viza cyangwa andi mahitamo agenwa n'amategeko bitari viza z'abanyeshuri za F-1 na J-1 zisanzwe zitangwa cyangwa viza z'akazi usabirwa n'umukoresha, wabaza umwunganizi w'abimukira wemewe.

| **Ubwoko bwa Viza** | |
|---|---|
| Viza ya F-1 na J-1 zihabwa abanyeshuri<br>• Ubwoko budasaba kunyura mu nzira ndende kugira ngo bwemezwe kubera uburwayi bwagaragajwe n'umuganga ubifitiye uburenganzira, inzobere mu kugorora ingingo cyangwa umuvuzi w'ibibazo byo mu mutwe ubifitiye uburenganzira<br>• Ubwoko butangwa igihe umuntu avuye mu ishuri ndetse akaba ari nazo ngaruka zo kurivamo<br>• Ubu bwoko butanga amakuru ko umunyeshuri ashobora kuzagaruka mu ishuri nyuma, igihe ahisemo kurivamo<br>• Ubwoko buhabwa abo bashakanye baje baherekeje<br>• Amakuru rusange ajyanye n'uburyo bwo guhindura ubwoko bwa viza.<br>• Amakuru rusange ajyanye na viza ya U na Viza ya T. (Baza umwunganizi w'abimukira wemewe)<br>• Baza umwunganizi mu by'amategeko wemewe | H-1B, O-1, E-3 cyangwa TN zihabwa abakozi<br>• Ubwoko butangwa mu gihe cy'ikiruhuko kandi bigaterwa n'icyiciro cy'ubwimukira<br>• Ubwoko buhabwa abafasha baje baherekeje<br>• Amakuru rusange ajyanye n'uburyo bwo guhindura ubwoko bwa viza. Baza umwunganizi w'abimukira wemewe<br>• Amakuru rusange ajyanye na viza ya U na Viza ya T. (Baza umwunganizi w'abimukira wemewe)<br>• Baza umwunganizi w'abimukira wemewe<br>• Abaturage bataremerwa gutura burundu muri Leta zunze ubumwe z'Amerika ("green card" itaremezwa)<br>• Ingaruka zo kuva ku kazi kandi ubusabe bwawe bw'icyangombwa cyo gutura burundu usabirwa n'umukoresha butaremezwa;<br>• Baza umwunganizi mu by'amategeko wemewe |

**Ese umwunganizi w'abimukira ni muntu ki, akora iki?**

Abunganizi b'abimukira ni abunganizi mu by'amategeko babifitiye uburenganzira bazobereye mu mategeko agenga abimukira. Bakora nk'abavugizi b'umukiriya kandi bakamuhagararira imbere y'ibigo bishinzwe abinjira n'abasohoka mu gihugu, yaba ari mu rukiko ruburanisha abimukira ndetse no gutanga ubusabe bw'inyungu zigenerwa abimukira. Uwo mwunganizi mu by'amategeko ashobora gutanga inama rusange ndetse ashobora no kukugira inama zijyanye n'ubwimukira. Kimwe n'abandi bunganizi mu by'amategeko, abunganizi b'abimukira bagomba kubahiriza amahame agenga umwuga wabo ndetse bakubahiriza n'amategeko, kandi bakagira ibanga ibiganiro bagirana n'abakiriya babo.

**Ni he nabona umwunganizi w'abimukira aho ntuye?**

| |
|---|
| Ikigo cya Leta zunze ubumwe z'Amerika gishinzwe gutanga ubwenegihugu n'abimukira (USCIS), kikaba ari ishami rya Minisiteri y'umutekano wo mu gihugu (DHS), cyashyizeho imbuga ebyiri zishobora gufasha abantu kubona ababunganira mu by'amategeko ku buntu cyangwa ku mafaranga make:<br><br>USCIS: Paji yo gushakiraho ubufasha aho utuye     USCIS: Paji yo gushakiraho serivisi zijyanye n'amategeko |
| Inama ishinzwe kwakira ubujurire bw'abimukira (BIA) yashyizeho urutonde rw'abunganizi mu by'amategeko muri buri Leta bashobora gutanga serivisi zigenewe abimukira ku buntu cyangwa ku mafaranga make. |
| Ishyirahamwe ry'abunganizi b'abimukira muri Amerika (AILA) ritanga Serivisi y'ubufasha bwo kuri interineti y'abunganizi b'abimukira ishobora gufasha abanyeshuri kubona umwunganizi w'abimukira. |
| Urugaga rw'abavoka muri Amerika narwo rutanga amakuru y'uburyo wabona serivisi zijyanye n'amategeko muri buri Leta. |